Werurwe, 2023

# NYAMAGABE DISTRICT NEWSLETTER

Amakuru yaranze Werurwe, 2023

www.nyamagabe.gov.rw

## UKO ITSINDA 'IMPUMURO CYANIKA' RYAFASHIJE GUKEMURA AMAKIMBIRANE MU MIRYANGO 11

### GASAKA: HATANGIJWE UMWAKA WA MUTUELLE 2023-2024



Soma page 6

### ABAYOBOZI BASABWE KUZAMURA IMITANGIRE YA SERIVISI



*Soma page 9*



Mu rwego rwo gukomeza guharanira kugira umuryango utekanye kandi ushoboye, mu Karere ka Nyamagabe abaturage bakomeje guhanga udushya tuganisha ku kurandura burundu ibibazo by'amakimbirane mu miryango baharanira ko ibaho itekanye nk'inzira ibaganisha ku iterambere,....

*Soma page 2-3*

# Uko itsinda 'Impumuro' ryafashije kunga imiryango 11 yabanaga mu makimbirane

Mu rwego rwo gukomeza guharanira kugira umuryango utekanye kandi ushoboye, mu Karere ka Nyamagabe abaturage bakomeje guhanga udushya tuganisha ku kurandura burundu ibibazo by'amakimbirane mu miryango baharanira ko ibaho itekanye nk'inzira ibaganisha ku iterambere.

Muri iyi gahunda, mu Murenge wa Cyanika w'Akarere ka Nyamagabe abaturage bishyize hamwe bashinga itsinda bise 'Impumuro Cyanika'. Iri tsinda rikaba rigizwe n'abagabo 18 ndetse n'abagore 17.

Ubwo hamurikwaga ku mugaragaro iri tsinda ku wa 08 Werurwe ku munsi hizihizwagaho Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore, Umuyobozi w'iri tsinda, Nyirimbabazi Jerome akaba na Perezida w'Inama Njyanama y'Umurenge wa Cyanika yavuze ko iri tsinda barishinze kubera ko hari hamaze kugaragara ko hari ikibazo cy'abantu babuzwaga umutekano mu ngo kugira ngo bagire uruhare mu kubikemura.



*Abagize Itsinda Impumuro Cyanika*

Iri tsinda rigizwe n'abayobozi mu nzego zitandukanye, abihayimana, abajyanama mu nama Njyanama y'Umurenge n'utugari, abajyanama b'ubuzima, abikorera ndetse n'abajyanama b'ubuhinzi.

Nyirimbabazi yagize ati "abo bose twarateranye kugira ngo duhurire ku gikorwa kimwe cyo kwitwa impumuro kandi tuzane n'impumuro mu miryango nk'uko dushaka ko umuryango wacu watekana kandi ugashobora no gutera imbere".

Iri tsinda ryatangiye muri Nzeli 2019 gusa riza gukomwa mu nkokora n'icyorezo cya COVID19.

**Uko itsinda rikora**

Umuyobozi w'iri tsinda avuga ko baterana buri wa gatatu saa munani kugera saa kumi n'imwe. Mu guha umurongo imikorere y'itsinda, Nyirimbabazi avuga ko babanje kwirebaho niba koko abagize itsinda nabo ubwabo bahumura.

Ati "Icya mbere twabanje kwihugura natwe ubwacu kugira ngo twirebeho ese koko iyo mpumuro turayifite? Kuko ririya zina twahisemo kwitwa impumuro ni uko twabonye ko umuntu agomba kuba impumuro agahumurira iwe mu rugo, umugore agahumurira umugabo, umugabo agahumurira umugore,... ibyo bizatuma bashobora kwegerana bagirane imishyikirano, bashyire hamwe, baganire, bungurane ibitekerezo ku buryo bateza umuryango wabo imbere".

Nyuma yo kubona izina umuyobozi w'itsinda avuga ko batangiye kureba imiryango ifitanye amakimbirane maze bakayihuza. Komeza kuri page ya 3

“Kuri ubu hari imiryango 11 yari ifitanye amakimbirane twatumije buri muryango ukwawo, umugore n’umugabo turabaganiriza tubasha kubunga, ibyo byarabaye kandi byarashobotse, iyo miryango 11 turayishima ko yumvise uko twayunze bakabishyira mu bikorwa ubu babayeho neza bateye imbere kandi bashyira hamwe”.

Kuri ubu iyi miryango 11 nayo ifasha abagize iri tsinda kuganiriza no kunga indi miryango ibanye nabi.

Umuyobozi w’iri tsinda avuga ko n’ubwo ari abakorerabushake bakorana neza n’Ubuyobozi bw’umurenge, utugari n’imidugudu kuko iyo bakeneye umuryango bagiye kuganiriza, ubuyobozi bubafasha kuwutumiza.

Avuga ko abagize itsinda nabo bakomeza kwiyungura ubumenyi cyane cyane ku birebana n’ibibazo bakunze kubona biteza amakimbirane mu miryango.

Avuga ko ibyiganje ari ibijyanye n’imikoreshereze y’umutungo w’umuryango ndetse n’izungura ariyo mpamvu bihuguye ku itegeko ry’imicungire y’umutungo w’abashyingiranywe, impano n’izungura kugira ngo babashe gusobanukirwa neza uko umutungo ucungwa kuko umutungo ariyo ntandaro y’amakimbirane kenshi akunze kuboneka mu ngo.

Abagize iri tsinda kandi baganiriye ku itegeko ry’umuryango kugira ngo barisobanukirwe kandi abo baganira bajye bababwira ibiri mu mategeko kandi babizi neza.



*Umuyobozi w’itsinda 'Impumuro Cyanika' Nyirimbabazi Jerome*

Umuyobozi w’iri tsinda avuga ko bifuza kubona amahugurwa ndetse n’imfashanyigisho kugira ngo bongere ubumenyi muri iki gikorwa cyo gufasha imiryango. Avuga kandi ko bifuza ko ubu buryo bwatezwa imbere bukaba bwagezwa mu Karere hose.

Abafashijwe n’iri tsinda barashima Havugimana Yohani umuturage wo mu Murenge wa Cyanika avuga ko we n’umugore bahoraga mu businzi ubundi bikabaviramo amakimbirane.

Ati “Njye n’umufasha twararaga mu businzi maze mu rugo ntitugire amahoro, ku buryo abayobozi bari barabigorewemo buri munsi twageraga mu rugo twanyoye ntitwihangane, umuyobozi nkamuhamagara nti wamfashije kandi ari ubusinzi. Nyuma naje kumva ko kuri aka Kagari ka Karama hari itsinda impumuro maze mbifashijwe n’Umuyobozi w’Akagari baradutumira n’umugore baratuganiriza batwereka ko aho bipfira ari ubusinzi”.

Havugimana avuga ko nyuma yo kuganirizwa ubu nta businzi bukirangwa mu rugo rwe kandi by’umwihariko umugore we yahise afata umwanzuro wo kuva ku nzoga.

Dusengimana Diane undi waganirijwe avuga ko yavuye mu rugo akamara imyaka ine kubera ko yakubitwaga n’umugabo bitewe n’amakimbirane ashingiye ku mitungo. Avuga ko iri tsinda ryabegereye rirabaganiriza bongera kwiyunga ubu bakaba babanye neza.

Ati “Umugabo wanjye ni umumotari akorera mu Ruhango ariko nta kibazo tukigirana, ubu yohereza ibitunga abana nanjye yampaye igishoro ndakora mu isoko, ubu urugo rwacu rubayeho neza bitewe n’itsinda impumuro".

# Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yasabye abagore kuzirikana ku gaciro basubijwe



Ku wa 08 Werurwe 2023, mu Karere ka Nyamagabe hizihijwe Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore maze abagore basabwa kuzikirana ku gaciro basubijwe ari nako baharanira kwihesha agaciro.

Ibi babisabwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe, Uwamahoro Clothilde mu ijambo yagejeje ku bitabiriye umuhango wo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore.

Uyu muyobozi yavuze ko abagore bishimira intambwe bamaze gutera ariko bakwiye kongera kuzirikana ku gaciro basubijwe.

Yagize ati "Dusigasire ako gaciro twahawe ariko natwe twiheshe agaciro. Hari ibibazo bikibangamiye imibereho myiza y'ingo zacu kandi bitakagombye kuba bigihari duhari".

Yavuze ko hakigaragara ibibazo by'isuku nke kandi ba mutima w'urugo bagomba kurangwa n'isuku aho bari hose kuko ari n'umuco ugomba kubaranga nk'abanyarwandakazi.

Yavuze ko hakiri abana bagaragarwaho n'imirire mibi maze asaba ababyeyi kwisuzuma maze bakarinda abana babo imirire mibi bitabira gahunda zibafasha nk'igikoni cy'umudugudu, ingo mbonezamikurire no kugira uturima tw'igikoni.

Ku bibazo bishingiye ku makimbirane n'ihohoterwa, uyu muyobozi yavuze ko bikigaragara mu ngo maze asaba ba mutima w'urugo kubifataho umukoro wo kubirwanya kuko biteza ibibazo byinshi.

Yagize ati "Turabibona abana bahunga abana bahunga ababyeyi, abana bata ishuri, abana bajya mu biyobyabwenge, abangavu baterwa inda zitateguwe ibyo byose usanga ari ingaruka za ya makimbirane".





Umunsi Mpuzamahanga w'umugore wizihijwe ku nsanganyamatsiko igira iti "Ntawe Uhejwe: Guhanga udushya n'ikoranabuhanga biteza imbere uburinganire"

# Umuyobozi w'Akarere yasabye ababyeyi kuba abatoza b'indangagaciro mu bana

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Niyomwungeri Hildebrand yasabye ababyeyi by'umwihariko abagore kuba igicumbi n'abatoza b'indangagaciro maze uburinganire bukumvikana neza mu bana.

Ibi uyu muyobozi yabigarutseho ku wa 08 Werurwe 2023 ubwo mu Karere ka Nyamagabe hizihizwaga Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore mu muhango wabereye mu Murenge wa Cyanika.



Uyu muhango kandi witabiriwe n'Abayobozi batandukanye uyoborwa na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe, Uwamahoro Clothilde.

Uyu muhango wizihijwe ku nsanganyamatsiko igira iti "Ntawe Uhejwe: Guhanga udushya n'ikoranabuhanga biteza imbere uburinganire".

Muri uyu muhango hagarutswe ku iterambere abagore bamaze kugeraho babikesha imiyoborere myiza.

Mu ijambo yagejeje ku bitabiriye, Umuyobozi w'Akarere yavuze ko ubushobozi umwana w'umuhungu n'umugabo bafite ndetse n'amahirwe Igihugu gitanga angana ku mugore n'umugabo.

Yagize ati "Ntawe uhejwe mu guhanga udushya n'ikoranabuhanga kuko aribyo biteza imbere uburinganire. Ibi bigaragaza ko Igihugu cyacu gikomeje kwita no kuzirikana ku muryango n'abawugize bose kuko ariwo shingiro rya byose mu kwifashisha ikoranabuhanga mu bikorwa byose by'iterambere by'umwihariko kwimakaza ihame ry'uburinganire".

Umuyobozi w'Akarere kandi yavuze ko hakwiye gukomeza gutekerezwa ku dushya dutuma imiryango ikomeza kubaho itekanye.

Yagize ati "Dukomeza kwibutsa ko iterambere ry'umugore ari isoko y'ituze, amahoro n'umunezero mu muryango nyarwanda cyane cyane twibanda ku miryango ifite amakimbirane".

"Turasaba ababyeyi by'umwihariko abagore kuba igicumbi n'abatoza b'indangagaciro maze uburinganire bukumvikana neza mu bana turera tubatoza ubupfura kandi tubarinda imirire mibi".

Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere ka Nyamagabe, Umumararungu Beata yavuze ko muri iki cyumweru ba mutima w'urugo bakoze ibikorwa bitandukanye bigamije gushyigikira umuryango ushoboye kandi utekanye nko kurwanya igwingira n'imirire mibi. Bakoze n'ibindi bikorwa by'iterambere.

Yakanguriye abagore gukoresha umunsi mpuzamahanga wabahariwe batekereza ku byabafasha kongera ikoranabuhanga no kongera ibyabafasha gukomeza kugera ku iterambere.
Uyu muhango waranzwe n'imbyino no kugaragaza ibyagezweho n'abaturage by'umwihariko abagore mu kwitinyuka no kwiteza imbere.

www.nyamagabe.gov.rw

# Gasaka: Hatangijwe umwaka wa mutuelle 2023-2024

Ku wa 23 Werurwe 2023, mu Karere ka Nyamagabe hatangijwe ku mugaragaro umwaka w'ubwisungane mu kwivuza maze hahembwa Akagari n'Imidugudu byitwaye neza mu kwesa umuhigo wa mutuelle ku kigero cy'ijana ariyo ya mbere.

Ni umuhango wabereye ku Murenge wa Gasaka uyoborwa n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, Uwamariya Agnes ari hamwe n'abo mu nzego z'umutekano ndetse n'abafatanyabikorwa b'Akarere.

Muri uyu muhango hahembwe Akagari ka Ngiryi kuko ariko kabashije kuba aka mbere mu kwesa ku kigero cya 100% umuhigo wa mutuelle ndetse n'utundi tugari tw'uyu Murenge twahembwe kuko twose twabashije kwesa uyu muhigo kandi hakiri kare.



Abakuru b'imidugudu igize uyu Murenge bashimiwe, babiri muribo bahawe amagare naho abandi bahabwa ibikoresho bizajya bibafasha mu kazi ka buri munsi birimo itoroshi na bote.

Muri uyu muhango, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza yavuze ko Akarere gashimira abagira uruhare bose kugira ngo umuturage abashe kwishyura ubwisungane mu kwivuza abeho afite ubuzima bwiza.




Yagize ati "Mwese muri aha ngaha, bafatanyabikorwa mu nzego zitandukanye, ibyiciro by'abayobozi bari aha ngaha, mu by'ukuri ni mwebwe muyoboye uru rugamba. Ni mwebwe umunsi ku munsi mureba uko byagenze, mubyuka igicuku muhwitura umuturage, mumufasha gutekereza, mumufasha kwiha umurongo wo kugenda yishyura buhoro buhoro turabashimiye cyane nk'ubuyobozi bw'Akarere".

Yavuze ko ibi bikorwa bihesha Akarere ishema ku ruhando rw'urwego rw'Igihugu cyane ko Akarere ka Nyamagabe gahagaze neza mu kwishyura ubwisungane mu kwivuza ariko kandi abaturage bakaba bameze neza ndetse n'igihe bagira ikibazo cy'uburwayi bakaba babasha kwivuza.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije yashimye abafatanyabikorwa ndetse n'abayobozi ku bufatanye bakomeje kugaragaza mu kwishyurira abaturage batishoboye ubwisungane mu kwivuza.

Kugeza uyu munsi, ku rwego rw'Akarere abaturage bamaze kwiyishyurira ubwisungane mu kwivuza ku kigero kiri hejuru ya 96%.

**www.nyamagabe.gov.rw**

# Nyamagabe: Hasojwe urugerero rw'Inkomezabigwi 10

Ku wa 03 Werurwe, abanyeshuri 1216 basoje ibikorwa by'urugerero rw'Inkomezabigwi icyiciro cya 10 byakorewe mu Mirenge yose igize Akarere ka Nyamagabe.

Ku rwego rw'Akarere uyu muhango wabereye mu Murenge wa Uwinkingi ukaba wari uyobowe n'Umuyobozi w'Ishami ry'Uburezi mu Karere, Pacifique Hagenimana.

Nyuma yo kwinjiza intore mu zindi, Umuyobozi w'Ishami ry'Uburezi mu Karere yashimye abasoje ku bw'ibikorwa bifasha mu iterambere ry'imibereho myiza y'umuturage bakoze.



Yasabye abasoje urugerero gukomera ku muco, indangagaciro, gukomeza amashuri by'umwihariko bakiga ubumenyingiro no gukunda umurimo.

Yagize ati "Ibikorwa mwakoze ni ukurwanya ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage, ibiganiro mwatanze hirya no hino, imihanda mwabungabunze ndetse n'ibindi bikorwa mwakoze nko kurwanya isuri Akarere karabyishimiye".





"Inkomezabigwi zagiye zigaragaza indangagaciro yo gukunda Igihugu n'umurimo. Inkomezabigwi kandi bafite umuco bakomora ku babyeyi, abayobozi n'itorero ry'Igihugu. Ibyo byose rero ari amateka n'indangagaciro n'umuco turabasaba kubikomeraho namwe mukubaka amateka, mukubaka n'umuco".

Uyu muyobozi yasabye aba banyeshuri gukomeza gutera imbere bakajya kwiga mu mashuri makuru na kaminuza by'umwihariko bakiga amashuri y'imyuga.



Yashimye ababyeyi kuko bashyigikiye uru rubyiruko mu bikorwa by'urugerero bitabiriye abasaba no ukomeza kubashyigikira kugira ngo babashe gukomeza amashuri mu bindi byiciro.

**www.nyamagabe.gov.rw**

# Mu Murenge wa Mushubi hakozwe siporo rusange

Ku wa 26 Werurwe 2023, mu Murenge wa Mushubi w'Akarere ka Nyamagabe abaturage babyukiye mu bikorwa bya siporo byari bigamije gutuma abaturage bagira ubuzima bwiza.

Ni siporo yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Niyomwungeri Hildebrand, inzego z'umutekano, abikorera ndetse n'abandi bayobozi n'abakozi mu Murenge wa Mushubi.

Iyi siporo kandi yitabiriwe n'ingeri zitandukanye z'abaturage, abato n'abakuze.



Batangiye bakora siporo yo kwiruka, nyuma bakomereza muri ES Mushubi aho bakoreye imyitozo ngororamubiri.

Mu butumwa bwe, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe yasabye abaturage gukunda no kwitabira siporo kuko ibafasha mu kwirinda indwara zitandura.

Umuyobozi w'Akarere yavuze ko icyegeranyo cy'ubushakashatsi Demographic Health Survey (DHS) cyagaragaje ko zimwe mu ndwara zirimo guteza impf uku Banyarwanda benshi ari indwara zitandura, harimo diabetes, umuvuduko w'amaraso n'izindi



Ati "Izo zose zirindwa umuntu akora siporo ariko kimwe mu byagaragaye mu Ntara y'Amajyepfo n'Akarere kacu ni uko n'iyo tugiye gupimwa umuntu akabona ko afite ikibazo cy'umuvuduko cyangwa diabetes ntabwo afata imiti, abantu banga kwivuza".

Yongeyeho ati "Ndagira ngo mbashishikarize mwese kwipimisha guhera ku bagore bafite imyaka 35 kuzamura ndetse n'abagabo ku myaka 40".

Umuyobozi w'Akarere yavuze ko bashobora kongera umubare w'abitabira siporo bahereye ku bantu bakuze kandi bakanapimwa indwara zitandura.

Umuyobozi w'Akarere yasabye abakiri bato gukunda no kwitabira siporo bagakura bayikunda kuko izabafasha kugira ubuzima bwiza.

Abitabiriye siporo barengeje imyaka 35 bapimwe indwara zitandura.



www.nyamagabe.gov.rw

# Abayobozi basabwe kuzamura imitangire ya serivisi

Abayobozi batandukanye basabwe gufata iya mbere mu kuzamura igipimo cy'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu Karere ka Nyamagabe, ibi bakabikora bageza serivisi nziza ku muturage.

Ibi abayobozi bahagarariye ibyiciro by'abaturage bitandukanye guhera ku mudugudu kugeza ku Murenge babisabwe mu nama zabaye zigamije kubasobanurira ibyavuye mu bushakashatsi bw'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi (CRC) bw'Ikigo Gishinzwe Imiyoborere (RGB) bwo muri 2022.

Ni inama zakozwe ku buryo abayobozi b'Imirenge yegeranye bahuriraga hamwe aho ku wa 09 Werurwe abo mu Mirenge ya Gasaka, Kamegeri, Cyanika, Mbazi na Kibilizi bahuriye mu Murenge wa Gasaka. Iyi nama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Habimana Thaddée.



Ku wa 11 Werurwe abayobozi bo mu Mirenge ya Kaduha, Musange, Mugano na Kibumbwe bahuriye mu Murenge wa Kaduha. Iyi nama yayobowe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe, Uwamahoro Clothilde ari hamwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Ngarambe Alfred ndetse n'Umuyobozi w'Ishami rishinzwe ubushakashatsi muri RGB, Dr. Félicien Usengumukiza.



Ku wa 13 Werurwe inama nk'iyi yabereye mu Murenge wa Tare ihuza abayobozi bahagarariye ibyiciro bitandukanye mu Murenge wa Tare, Kitabi na Uwinkingi. Iyi nama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Niyomwungeri Hildebrand.

Naho ku wa 16 Werurwe iyi nama yabereye mu Murenge wa Buruhukiro hahurira abayobozi bo mu Mirenge ya Gatare, Buruhukiro, Nkomane, Mushubi na Musebeya. Inama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe.

Nyuma y'uko abitabiriye ibiganiro bagaragarijwe birambuye ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu Karere ka Nyamagabe habayeho kuyiganiraho ndetse no kwiyemeza guhindura imikorere ku buryo ubutaha Akarere kazaba gahagaze neza.

Ibi biganiro byateguwe ku bufatanye na GIZ Rwanda.







# Ibanga Akagari ka Ngiryi gakoresha kugira ngo kabashe kwesa umuhigo wa mutuelle mbere



Akagari ka Ngiryi ko mu Murenge wa Gasaka gafite umwihariko wo kwesa umuhigo wo kwishyurwa ubwisungane mu kwivuza (mutuelle de santé) mbere y'utundi tugari two mu Karere kuko iy'uyu mwaka bari bamaze kugera ku 100% mu kwezi kwa gatanu umwaka ushize.

Ubwo hatangizwaga umwaka wa mutuelle 2023-2023 ku wa 23/03/2023, mu muhango wabereye ku biro by'Umurenge wa Gasaka, Akagari ka Ngiryi kashimiwe maze gasabwa gukomeza guhesha ishema Umurenge n'Akarere.

Asobanura ibanga aka Kagari gakoresha kugira ngo abaturage bose babashe kwiyishyurira ubwisungane mu kwivuza mbere y'uko umwaka wa mutuelle utangira, umukozi w'aka Kagari ushinzwe iterambere ry'umibereho myiza, Muhayimana Marie Chantal yavuze ko bakoresha Ifishi y'Isibo.

Avuga buri Sibo igira ifishi ikaba iriho amafaranga buri muryango ugomba kwishyura. Avuga ko binyuze muri ubu buryo byibura mu mezi umunani buri muryango ugomba kuba warangije kwishyura amafaranga ugomba gutanga.

Ati "Dufata urugero nko ku bihumbi icyenda, turamubarira tumwereka ko agomba kuyatanga mu mezi umunani, ubwo agatanga 1000frw cyangwa 1200frw. I Ngiryi ni uko dukora ari nako duheraho tubwira bagenzi bacu ko ubwo buryo bw'ifishi y'isibo ari bwo butanga umusaruro".

Mu kwishyura ubwisungane mu kwivuza bwa 2023-2024, Akagari ka Ngiryi kihaye umuhigo wo kuba kamaze kugera ku 100% mu kwezi kwa kane.

Mu ijambo yagejeje ku bitabiriye uyu muhango, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage yashimye aka Kagari abasaba gukomeza gushyiramo imbaraga kandi n'abandi bayobozi bakabigiraho.



Yavuze ko ukwiyemeza kuranga abayobozi b'utugari tugize Umurenge wa Gasaka bikwiye kuranga n'abandi.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije kandi yasabye aba bayobozi kutirara ahubwo bagakomeza umurava bafite mu rwego rwo kugira ngo abaturage bose bakomeze kubaho bafite ubwisungane mu kwivuza.

# Umuyobozi w'Akarere n'Abadepite bifatanyije n'abaturage mu muganda rusange



Ku wa 25 Werurwe 2023, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe ari hamwe n'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko aribo, Hon. Uwineza Beline, Hon. Mutesi Anitha na Hon. Nyiragwaneza Athanasie bifatanyije n'abaturage b'Akagari ka Uwindekezi mu Murenge wa Kibirizi mu muganda rusange ahaciwe imirwanyasuri.

Nyuma y'umuganda usoza ukwezi kwa Werurwe, abayobozi bakoranye inama n'abaturage maze baganira kuri gahunda zitandukanye z'iterambere ry'imibereho myiza, ubukungu n'imiyoborere myiza.

Muri ibi biganiro, Umuyobozi w'Akarere yagarutse kuri gahunda y'Igihugu ituma abaturage bivana mu bukene. Iyi gahunda iherutse gutangizwa na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ikaba izashyirwa mu bikorwa mu Gihugu hose.

Ubwo yasobanuraga iyi gahunda, Umuyobozi w'Akarere yavuze ko nta serivisi izongera gutangwa hashingiwe ku byiciro by'ubudehe.

Yavuze ko abaturage batishoboye bazajya bahuzwa n'amahirwe y'umurimo ubundi bagahabwa akazi bagakora kandi bakabasha kwikura mu bukene.

Umuyobozi w'Akarere yakanguriye abaturage bishoboye guha akazi abatishoboye maze bakanabatoza gukoresha amafaranga neza kugira ngo babashe kwiteza imbere.



Muri iyi nama kandi abaturage baganirijwe ku muco w'isuku ndetse no ku myiteguro yo kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Abaturage basabwe kwirinda ingengabitekerezo ya jenoside no gutekereza ku bubi bwa jenoside kugirango itazongera kuba.

Hon. Uwineza Beline yashimye abaturage b'Umurenge wa Kibirizi kuko bitabiriye uyu muganda maze abasaba gukomeza ibikorwa byo kwiyubakira Igihugu. Yabasabye gukomeza gukunda umurimo no kuwitabira kuko ariwo uzabafasha kwikura mu bukene.

Hon. Uwineza yibukije ababyeyi ko mu gihe hagiye gutangira iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe Abatutsi, bakwiye gushishikariza urubyiruko kuzitabira ibiganiro bizatangwa.

# Inama Njyanama yaganiriye ku ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo ya 2022-2023



Muri iyi nama kandi abajyanama batanze ibitekerezo ku myiteguro yo kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994.

Mu zindi ngingo abajyanama baganiriyeho kandi bagafata imyanzuro itandukanye harimo kungurana ibitekerezo ku miterere y'ibibazo abaturage bashyikirije Akarere bikaba bitarakemuka.

Ku wa 24 Werurwe 2023, Inama Njyanama y'Akarere k a Nyamagabe yateranye mu gihembwe gisanzwe iyobowe na Perezida wayo, Uwamahoro Clothilde.



Muri iyi nama hari ingingo zitandukanye, muri izo harimo kurebera hamwe ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2022-2023 no gutanga inama zo kwihutisha ikiri inyuma.

# Gatare: Hatangijwe igihembwe cy'ihinga 2023B



Ku wa 29 Werurwe 2023, mu Murenge wa Gatare mu Kagari ka Gatare kuri site ya Kibuga ifite ubuso bwa ha 20 hatangijwe igihembwe cy'ihinga cya 2023B ahatewe imbuto y'ingano ku buso bwa hegitari 1.

Iki gikorwa cyatangijwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Habimana Thaddée ari kumwe n'Umuyobozi wa Sitasiyo ya RAB ya Nyamagabe, Umuyobozi w'Ingabo muri zone ya Mushubi n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gatare ndetse n'abafatanyabikorwa.

Nyuma y'igikorwa cyo gutera Umuyobozi w'Akarere Wungirije yasabye abahinzi kwihutisha gutera ingano kandi bakazitera ari nyinshi kuko uruganda rutunganya ingano rwiteguye kubagurira umusaruro wazo, yabasabye kandi gushyira imyaka mu bwishingizi cyane cyane ibirayi. Igikorwa cyasojwe no gushyikiriza ibihembo abajyanama b'ubuhinzi bo mu midugudu igize Umurenge wa Gatare.

# Abafite ubumuga 60 bahawe inyunganirangingo



Muri uku kwezi kwa Werurwe, abafite ubumuga 60 bo mu Mirenge ya Kamegeri, Kibirizi, Tare, Kitabi, Mbazi, Buruhukiro na Cyanika bafashijwe kubona inyunganirangingo n'insimburangingo.

Iki gikorwa cyakozwe ku bufatanye bw'Akarere ka Nyamagabe, Inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga ku nkunga ya The Brent & Cheri Andrus Charitable Trust (BCACT) hamwe na Humanity & Inclusion (HI).

Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2022-2023, Akarere ka Nyamagabe gafite intego yo kunganira abafite ubumuga 100 mu kubona insimbura n'inyunganirangingo.

Kuri ubu muri rusange hamaze gufashwa abafite ubumuga bagera ku 102.

Ibikorwa byo kunganira abafite ubumuga mu iterambere ry'imibereho myiza, ubukungu no kubona ubuvuzi birakomeje



---

## Ubuyobozi bw'Akarere n'abafatanyabikorwa baganiriye ku ngamba zo gucunga ibikorwa remezo by'amazi



Ku wa 23 Werurwe 2023, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Habimana Thaddée yayoboye inama y'urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura (DWASHB) mu rwego rwo kuganira ku guteza imbere ibikorwa remezo by'amazi ndetse no kubungabunga ibihari.

Iyi nama yitabiriwe n'abakozi bashinzwe ibikorwa remezo ku Karere no mu Mirenge, WASAC, ba rwiyemezamirimo bacunga ibikorwa remezo by'amazi ndetse n'abafatanyabikorwa b'Akarere muri serivisi z'amazi, isuku n'isukura.



# FOLLOW US ON:

@Nyamagabe

Nyamagabe District

www.nyamagabe.gov.rw



Content, design and photos

by

John MBARAGA
Public Relations, Media and Communication Officer

www.nyamagabe.gov.rw

**DUKORANE UMURAVA DUTERE IMBERE**